Nyamagabe mu rugamba rw'Iterambere

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe Bwana Mugisha Philbert

Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu, Madamu Mukarwego Umuhoza Immaculée

Umyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imibereho Myiza bwana Byiringiro Emile

Umuyobozi nshingwabikorwa w'akarere ka Nyamagabe, Nshimiyimana Jean Pierre

Jeanne d'Arc Mukamana

Akarere ka Nyamagabe, icyicaro cy'icyahoze ari Gikongoro, ahari hazwi inzara idashira ndetse n'ubukene bukabije, ubu imiyoborere myiza yahahinduriye amateka.

Akarere ka Nyamagabe

Nk'uko ubuyobozi bw'akarere bubitangaza, Nyamagabe mu gihe cy'abakoroni yari igabanyije mu byitwaga teritwari (Territoire) ya Nyanza n'iya Astrida. Nyuma yaje kuba umujyi mukuru wa Gikongoro, kuri ubu akaba ari akarere ukwako.

Akarere ka Nyamagabe kabaye kamwe mu turere 30 tugize u Rwanda kuva haba amavugurura yo mu 2006. Amavugurura yakozwe mu rwego rwo kwegereza ubuyobozi abaturage. Kabarizwa mu ntara y'Amajyepfo, aho kagize akarere ka 8 k'iyi ntara. Kihariye igice kinini cy'icyahoze ari Gikongoro nk'amakomine ya Nyamagabe, Karama, igice kinini cya Mudasomwa, Musebeya, Musange, Karambo, na Rukondo.

Muri iki gihe Akarere ka Nyamagabe gafite ubuso bungana na ha 1009, gahana imbibi n'akarere ka Huye, Nyanza, Nyaruguru, na Rusizi; kakaba kagizwe n'imirenge 17.

Nyamagabe ipfundo ry' Ishusho y'Imisozi Igihumbi

Aka karere kagizwe ahanini n'imisozi miremire, imigufi, ndetse kananyurwamo n' isunzu rya Kongo Nil. Ubu butumburuke by'umwihariko isunzu rya Kongo Nil, bukagira uruhare rukomeye ku miterere y'ikirere cyaho. Aho usanga igice kimwe gisa n'igishyuha, ikindi kigakonja. Uru rusobe rw'imisozi itandukanye ku butumburuke yose iboneka muri aka karere, iyo uhatembereye ruguha isura y'inyito y' ***"Imisozi Igihumbi"*** izina ryanabaye akabyiniriro k'igihugu cyacu.



Umujyi wa Nyamagabe wateye imbere

Iyi miterere abaturage bayungukiramo kuko bashobora kweza ibihingwa byose ari ibyihanganira ubushyuhe ndetse n'ibikunda ubukonje. Bikagaragarira ku kuba ubusanzwe nta kandi karere kagize amahirwe yo kweza Kawa ndetse n'icyayi ari kamwe, kandi kagatanga umusaruro uhagije ku buryo bushimishije.

Imigezi

Hari kandi n' imigezi nka Rukarara, Mwogo, Mbirurume,na Rubyiro. Uretse kuba na yo igira uruhare mu gutanga ikirere cyiza muri aka karere, ndetse n'amazi yifashishwa mu buhinzi ndetse no mu yindi mirimo itandukanye, ifite n'uruhare rukomeye mu iterambere ry'igihugu by'umwihariko mu bijyanye no gutanga umuriro w' amashanyarazi ujya gucanira Abanyarwanda muri rusange. Aho kuri ubu umugezi wa Rukarara wamaze kubakwaho ingomero 2 z'amashanyarazi: Rukarara 1 na

Aha ni ahubatse Hotel Golden Monkey mu mujyi wa Nyamagabe.

Rukarara 2

Ubutaka

Imiterere y'ubutaka bwo muri aka karere, impuguke zagiye zigaragaza ko busharira, imwe mu mpamvu yatumaga butera, byo bikaba urwitwazo ko bidashoboka ko inzara yahashira.

Nk'uko umuyobozi w'akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza y'abaturage mu karere ka Nyamagabe Byiringiro Emile abivuga, Gikongoro, ari na ho Nyamagabe iri, kimwe n'utundi duce twari mu kitwaga Nduga, kari karahejwe mu iterambere. Ndetse n'ubuyobozi bwariho ntibugaragaze ubushake mu gukemura ibibazo by'inzara byahahoraga. Ndetse ngo mu 1990, mu byahoze ari komine ya Karama na Nyamagabe hateye inzara yica benshi mu bari bahatuye.

Gusa muri iki gihe isura ya Nyamagabe yarahindutse ku buryo bugaragara, kuko nyuma ya gahunda zitandukanye zashyizweho na Leta mu rwego rwo guteza Abanyarwanda imbere, abatuye aka karere bazigejejweho maze batangira imirimo yo guhinga bareza kandi bakanagemurira abo mu turere baturanye. Abaturage bahinga ibihingwa bitandukanye harimo Ibishyimbo, ibigori, ibirayi, ingano, imyumbati, imbuto, imboga n'urutoki. Hari kandi n'Icyayi, na Kawa.

Si mu buhinzi gusa kandi kuko n'umujyi wahoze ubarirwa mu yasigaye inyuma mu Rwanda, muri iki gihe wateye imbere mu buryo bugaragara. Aho usanga inyubako

zitabarika z'amagorofa mu gihe mbere ya 1994 hari inzu imwe gusa ya etage.

Mukarwego Umuhoza Immaculée, Umyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Ubukungu yatangaje ko aho iyo nyubako iri na n'ubu hakitwa kuri "ETAGE"Ndetse ngo nta nzu zakira abashyitsi cyangwa amahoteli byari bihari. Ariko kuri ubu hari Hoteli yo mu rwego rw'inyenyeri 3 n'izindi zisanzwe

Aha ni ahubatse Hotel Golden Monkey mu mujyi wa Nyamagabe.

Hari kandi n'izindi nzu zakira abantu kandi zifite n'amacumbi (Centres d'accueille) zakira abahagana.

Kugeza ubu hari ibigo by'itumanaho MTN, TIGO, AITEL bihafite iminara, Ingendo zarorhejwe aho imodoka z'ibigo nka HORIZON na VOLCANO zorohereza abahagana n'abavayo mu bijyanye n'ingendo. Amabanki yose kandi na yo ahafite amashami. Ibi byose bigafasha abatuye aka karere kuva mu bukene no mu bwigunge.

Amwe mu mabanki akorere mu mujyi wa Nyamagabe

UBUHINZI

Muri iki gihe aka karere gahingwamo ibihingwa biberanye n'akarere kandi abaturage bagahabwa imbuto z'indobanure. Ibi bikabafasha kongera umusaruro ku butaka bwabo. Ubu butaka kandi bwishimirwa n'igihingwa cy'icyayi. Aho icyayi cyo muri aka karere gihora ku mwanya wa mbere muri Afurika kubera uburyohe bwacyo.

Muri iki gihe kandi mu rwego rwo kongera umusaruro ku butaka bw'akarere ka Nyamagabe hahujwe ubutaka ndetse hakorwa n'amaterase y'indinganire.

Hakiyongeraho no gufasha abaturage kubona inyongeramusaruro, byatumye abaturage beza bakihaza bagasagurira amasoko. Muri iki gihe inzara yabaye amateka mu mirenge yose igize akarere ka Nyamagabe.

Ibirayi

Akarere ka Nyamagabe keza Ibirayi cyane cyane mu mirenge ya Buruhukiro, Gatare, Nkomane, Uwinkingi, Tare na Kitabi. Abaturage bahinga ibirayi bakaba basarura byibura Toni 30 kuri hegitari. Ibirayi nk'igihingwa kiberanye n'akarere kandi abahinzi bagahabwa imbuto nziza, cyateje imbere abahinzi bo muri aka karere. Aho uretse kuba cyararwanyije inzara yari yarabaye karande, abahinzi babonye n'uburyo bwo kubona amafaranga mu gihe babigurishije bakabasha kwikura mu bukene.

Amwe mu mabanki akorere mu mujyi wa Nyamagabe

Imirima y'ingano mu karere ka Nyamagabe

Umuyobozi w'Akarere bwana Mugisha Philbert atangiza uburyo bwo guhingisha imashini mu murenge wa Buruhukiro

Muri iki gihe hari gahunda y'uko umusaruro ugomba kongerwa ukajya unagurishwa ku masoko mpuzamahanga binyujijwe mu gutunganya umusaruro w'ibirayi mu ruganda ruteganywa kubakwa muri aka karere. Umuyobozi ushinzwe igenamigambi (Planner) mu karere Karemera Jean de Dieu, avuga ko inyigo y'uru ruganda izatangirana n'umwaka wa 2015.

Abaturage beza ibirayi bagasagurira amasoko (Foto Nyamagabe District)

Umurima w'ibirayi muri imwe mu mirenge ya Nyamagabe

Ingano

Akarere ka Nyamagabe kari muri duke twera mo ingano mu gihugu. Kakaba aka mbere keza ingano mu ntara y'amajyepfo yose. Mu karere ka Nyamagabe ingano zera mu mirenge ya Tare, Uwinkingi, Kibirizi, Buruhukiro, Gatare, Nkomane, Musebeya na Gasaka. Ingano zikaba zishobora gutanga umusaruro ungana na Toni 3 kuri Hegitari.

Muri gahunda ya IDPRSII, mu rwego rwo kongerera agaciro umusaruro uva mu ngano harateganywa kubakwa uruganda rutunganya umusaruro w'ingano rugatanga ifarini na macaroni ndetse n'ibindi bikomoka ku ifarini y'ingano.

Ibigori

Ibigori na byo biri mu byafashije guhashya inzara muri aka karere. Bihingwa ku butaka buhuje kuva mu mwaka wa 2008. Kandi bigatanga umusaruro wa Toni 2,8 kuri Hegitari.

Byera mu mirenge ya Buruhukiro, Gatare, Nkomane, Uwinkingi, Tare na Kitabi aho bihingwa i musozi, hakiyongeraho ibishanga byo mu mirenge ya Mbazi na Kaduha.

Kuri ubu hari uruganda rucirirtse rusya Kawunga ruri mu murenge wa Buruhukiro. Ibi bigatuma umusaruro w'ibigori urushaho kongererwa agaciro.Hamwe na gahunda ya IDPRSII harateganywa ko kugeza mu mwaka wa 2018, hazaba hari uruganda ruteye imbere kurushaho.

Imyumbati

Iki gihingwa cyera mu mirenge ya Mbazi, Cyanika, Kaduha, Mugano,-Gasaka, Kamegeri Kibumbwe. Abahinzi b'imyumbati bashobora kweza Toni zigera kuri 28 kuri Hegitari.

Umuyobozi ushinzwe igenamigambi mu karere, avuga ko muri iki gihe akarere gateganya gufasha abatuye umurenge wa Kaduha kubona Icyiniko cya Kijyanbere. Anavuga kandi ko bitarenze imyaka itanu hazaba hari uruganda

Imirima y'icyayi yo muri Nyamagabe

Umurima wa kawa

rutunganya imyumbati muri uyu murenge wa Kaduha.

KAWA N'ICYAYI

Icyayi " Inka Idateka"

Muri aka karere icyayi cyera mu gihe cy'umwaka wose. Aho umuhinzi asarura byibura buri kwezi agemurira inganda akabona amafaranga amufasha kwiteza imbere, kikaba cyarahawe akabyiniriro k' ***Inka idateka.*** Kubera uburyo kibaha umusaruro mu mezi yose y'umwaka.

Umwihariko w'icyayi cya Nyamagabe

Mu karere ka Nyamagabe icyayi cyera mu mirenge ya Kitabi, Uwinkingi, Buruhukiro, na Gatare.

Mu rwego rwo gufasha abahinzi kubona aho bagemura umusaruro wabo, mu murenge wa Kitabi hari uruganda rutunganya icyayi "Kitabi Tea Factory", Ndetse no mu murenge wa Buruhukiro hari uruganda rwa "Mushubi tea Factory". Abayobozi b'akarere bakaba bemeza ko uru ruganda ari rwo rufite ubushobozi burenze ubw'izindi nganda z'icyayi mu Rwanda.

Abahinzi b'icyayi bibumbira mu makoperative abafasha koroshya ubuhinzi bwabo. Aho kugeza ubu koperative COBACYAMU ihuza abahinzi b'icyayi bo mu murenge wa Uwinkindi na Buruhukiro bashoboye kwigurira imodoka ibafasha mu bikorwa byabo by'ubuhinzi, bifitiye abajyanama mu buhinzi (agronome), ndetse bakabona inyongeramusaruro zose bakenera mu buhinzi.

Ubuyobozi butangaza ko kugirango babashe kubona umusaruro uhaza uruganda rwa Mushubi, uyu mwaka hazongerwa Hegitari 300 z'icyayi ku ubuso bwari busanzwe.

Kawa

Nyamagabe kandi yeramo igihingwa cya kawa ku buryo bushimishije. Ikera mu mirenge ya Gasaka, kamegeri, Kibirizi, Cyanika, Mbazi na Kaduha. Kawa yo muri iyi mirenge ikaba na yo izwiho uburyohe buruta izindi ku rwego rwa Afurika. Umuyobozi w'akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza yemeza ko abahinzi bajya bahabwa ibikombe n'udushimwe mu gihe kawa yo muri aka karere yahize izindi bihuriye ku isoko mu buryohe mu bizwi ku izina rya "Cup of excellence".

Abayobozi kandi bavuga ko kugeza ubu hamaze kubakwa inganda nto 8 (Washing stations) zitunganyirizwamo umusaruro wa kawa mbere y'uko ujya gutunganyirizwa mu nganda nini.

Aho ikawa irongerwa(Washing station)

Ubworozi

Mu bworozi na ho aka karere ntikasigaye inyuma. Abaturage bo muri aka karere bororora cyane cyane inka, ingurube, ihene n'andi matungo magufi. Hirya no hino mu mirenge hari amakusanyirizo y'amata, aho abaturage bazana amata, akabikwa mu bikoresho byabugenewe mbere y'uko atwarwa n'abacuruzi n'inganda ziyatunganya.

Mu bworozi kandi aka karere korora ingurube aho kugeza ubu muri aka karere hari gahunda yo kubaka uruganda rutunganya ibikomoka ku ngurube.

Ibikorwa Remezo Imihanda

Muri iyi myaka 20 ishize akarere ka Nyamagabe kashyize imbaraga

Uruganda rutunganya icyayi rwa Mushubi

Inka zitangwa muri gahunda ya Girinka

Rimwe mu makusanyirizo yo muri Nyamagabe

mu kwegeraza abaturage ibikorwa remezo bitandukanye. Aho Hakozwe imihanda y'amabuye ihuza imidugudu yo mu mujyi wa Nyamagabe, hakanakorwa n'imihanda y'imigenderano ihuza imirenge itandukanye y'aka karere. Ibi bikaba byaragize ingaruka nziza mu gutanga isura nziza y'aka karere, ndetse n'abaturage boroherwa n'ingendo.

Umuyobozi ushinzwe igenamigambi mu karere,avuga ko kugeza ubu hatunganyijwe umuhanda uhuza **Gasaka na Musange**, **Buruhukiro na Bisharara, Gasarenda na Gisovu**, **Kibirizi na Kibumbwe.** Abakuwe muri nyakatsi nab o batujwe ku midugudu.

Amashanyarazi

Muri iki gihe abaturage batuye akarere ka Nyamagabe bacaniwe ku kigero cya 14 ku ijana, mu gihe mbere ya jenoside abantu bari bafite umuriro w'amashanyarazi bari 2,8 gusa.

Amazi

Amazi meza na yo yegerejwe abaturage ku kigero cya 82 ku ijana. Ibi byorohejwe n'uko hari imiyoboro y'amazi meza yakozwe kuva

Ibikoresho bikusanyirizwamo amata

ku isoko akagera mu mirenge itandukanye. Aho hakozwe umuyoboro uvana amazi ku isoko ya Nyungwe-Rugabwe-Kitabi-Gasarenda-Gakoma. Ufite ibirometero 45 km.

Hari kandi n'undi muyoboro uvana amazi ku isoko ya Nyungwe-Buruhukiro-Kizimyamuriro-Rugando.

Imihanda y'amabuye yo mu mujyi wa Nyamagabe



Umwe mu midugudu yo muri Nyamagabe.

Kuri iyi miyoboro y'amazi akwirakwiza amazi mu mirenge hiyongeraho andi masoko yari asanzwe mu mirenge n'andi mariba aba yaragiye ashyirwaho mu bihe bitandukanye. Ubuyobozi bukaba buvuga ko amazi azagenda yongerwa mu baturage kugeza ubwo abaturage bazagira amazi meza ku kigero cy'ijana ku ijana.

Mu Buzima

Akarere ka Nyamagabe gafite ibitaro bibiri; **ibya Kaduha n'ibya Kigeme** bifasha abaturage kubona serivise z'ubuzima ku buryo burohoheye. Bigakorana n'ibigo nderabuzima 18 biri mu mirenge yose, ndetse na poste de santé 3. Ku bufatanye n'abafatanyabikorwa nka World Vision, PAGOR, n'indi miryango iharanira inyungu rusange itari iya leta na Intrahealth, harimo harubakwa poste de santé zigera kuri 6 mu tugari dutandukanye.

Umuyobozi w'Akarere wungirije

ushinzwe Imibereho myiza Byiringiro Emile atangaza ko muri aka karere, mu mwaka wa 2013 abaturage bitabiriye ubwisungane mu kwivuza ku kigero cya **82 ku ijana.** Imfu z'ababyeyi n'abana zaragagabanutse, aho kugeza ubu abagore babyarira kwa muganga bageze kuri 97 ku ijana. Ubwitabire muri gahunda zo kuboneza urubyaro bugeze kuri 98 ku ijana. Naho imfu ziterwa na malariya ni 0 ku ijana kuko muri aka karere nta malariya ikiharangwa.

Uburezi

Kimwe n'ahandi mu Rwanda, Mu karere ka Nyamagabe na ho hashyizwe ingufu mu burezi bw'imyaka 9 na 12 y'ibanze. Ubuyobozi bw'aka karere bukaba bwemeza ko iyi gahunda ari iyo kwishimirwa kuko yafashije abana benshi kubona amahirwe angana ku burezi. Kongera ibyumba by'amashuri bikaba kimwe mu byatumye ubucucike bw'abanyeshuri mu ishuri rimwe bugabanuka, bityo n'abarimu bakabona uko bigisha umubare w'abanyeshuri bashobora gukurikirana uko bikwiye.

Ibigo byisumbuye nka **Ecole Secondaire de Nyamagabe** na **Groupe Scolaire Kigeme** bikaba biza ku isonga mu bigo bitsindisha ku kigero gishimishije, nk'ibigo by'icyitegerezo muri aka karere.

Inganda

Uretse kuba mu karere ka Nyamagabe hari inganda zitunganya umusaruro uva mu buhinzi cyane cyane izitunganya Kawa n'icyayi, hari n'izindi nganda zitanga imisaruro itandukanye.

Uruganda rutunganya amapoto (poteaux)

Uru ruganda rwubatswe mu rwego rwo gufasha kubona ibiti bifasha mu gukwirakwiza umuriro amashanyarazi. Ibi biti bikaba bikoreshwa mu Rwanda no hanze ya rwo. Ubuyobozi bw'akarere buvuga ko kuva rwatangira rumaze gutunganya ibiti 7500. Runatunganya kandi n'amakara. hifashishijwe imyanda, ayo makara akaba aramba kurusha ayandi kandi ntiyangize ibidukikije.

Uruganda rutunganya ibikomoka ku ngurube

Muri aka karere hari n'uruganda rukora ibyo kurya bikomoka ku itungo ry'ingurube. Mu byo rukora harimo amavuta y'ingurube, na SOSISO.

Ubukerarugendo

Akarere ka Nyamagabe gateye ku buryo bubereye ijisho. Bimwe mu bigize ubwiza nyaburanga bw'akarere ka Nyamagabe ni Ishyamba rya Nyungwe. (Parike y'igihugu ya Nyangwe)

Iri shyamba akarere ka Nyamagabe karihuriyeho n'akarere ka Rusizi ko mu ntara y'Iburengerazuba. Ariko igice kinini kiri mu karere ka Nyamagabe. Iri shyamba ribamo inyamaswa n'inyoni z'ubwoko butandukanye butaba henshi, zikurura abakerarugendo. Habamo kandi n'ubwoko bwinshi n'indabo utasanga ahandi.

Muri aka karere wahasanga n'imisozi miremire ndetse n'isunzu rya Kongo Nil, ubuvumo bwa Ruganzu, imigezi, n'ibindi.

Amazi ya Kunyu

Aya mazi ahereye mu murenge wa Uwinkingi, akagari ka Gahira mu mudugudu wa Kunyu. Aya akaba ari amazi azwi ku izina ry' "***Amazi ahiye***". Abayarwanda ba kera bayuhiraga inka, bakaba baravugaga ko atuma zirinda bityo zikororoka cyane. Akaba yarafatwaga nka bumwe mu buryo butuma bagwiza inka.

Umusozi wa Rweru. Akarere ka Nyamagabe gafite gahunda yo gutunganya uyu musozi ukajya ukorerwaho ubukerarugendo. Uyu musozi ukaba ufite amateka ku baturage b'aka karere. Aho ubibutsa uburyo mu gihe cy'abakoroni baje bakuraho abatware, abaturage baturiye Rweru bakanga kwirukana umutware wabo. Icyo gihe abo baturage ngo baba barashyizweho iterabwoba n'abakoroni bagahungira kuri uwo musozi. Umuyobozi ushinzwe igenamigambi, yemeza ko iyo umuntu ahagaze kuri uwo musozi abona intara y'amajyepfo yose uko yakabaye.

Ubuvumo bwa Ruganzu

Iyi nzira inyura mu kuzimu igahinguranya umusozi iri ahitwaga mu Bunyambiriri mu gihe cya kera. Bivugwako Ruganzu yahanyuze ajya gutera no kwigarurira ikirwa cy'Ijwi.

Imyidagaduro

Akarere ka Nyamagabe kashyize imbaraga no mu myidagaduro aho gashyigikira mu buryo bw'umwihariko ikipe y'umupira w'amaguru 'AMAGAJU FC' kugeza ubu yitwara neza ikaba iri ku mwanya wa gatanu, no mu Kiciro cya 2 cya Shampiyona.

Andi makuru y'akarere wayasanga ku rubuga rw'akarere ka Nyamagabe ugatanga n' ibitekerezo

Ubwoko bw'ibiti bitunganywa n'uruganda rw'amapoto

Ikipe y'akarere ka Nyamagabe AMAGAJU FC

Ubutumwa

Akarere ka Nyamagabe karashimira by'umwihariko umukuru w'igihugu Paul Kagame ku iterambere yatumye aka karere kageraho binyuze mu miyoborere myiza ndetse na gahunda z'iterambere ageza ku Banyarwanda. Ubu buyobozi bukizeza abaturage b'akarere ka Nyamagabe ko ibyiza byose bizabageraho bafatanyije kuko aho akarere kavuye ari kure, kandi n'imbere hakaba hari icyizere. Abaturage bagasabwa kurushaho gushyira imbaraga ku murimo kugirango barusheho kwigira, kandi bakomeze bagire iterambere bose bagizemo uruhare.

Ibyumba by'amashuri imyaka 9 na 12

Amazi ya Kunyu